# Ni iki nkeneye kumenya kuri Epatite B Kwisuzumisha no gukingirwa?

## Ingingo z'ingenzi

- Epatite B ni indwara y'umwijima iterwa na virusi
- Ibimenyetso bya Epatite B birimo umunaniro, impiswi, kuruka, n'ibindi.
- Irinde Epatite B ukora imibonano mpuzabitsina yizewe kandi udatizanya ibikoresho.
- Niba wanduye Hepatite B, sura Muganga wawe hagati buri hagati y'amezi 6-12.

1. **Epatite B ni iki?**

   Epatite B ni indwara y'umwijima, iterwa na virusi ya epatite B, agakoko. Ishobora kuba mu mubiri igihe kinini igatera ibibazo bikomeye by'ubuzima birimo kwangiza umwijima na kanseri, bishobora no gutera urupfu.

2. **Ni gute wakwandura epatite B?**

   Ushobora kwandura hepatite B igihe amaraso cyangwa amatembabuzi by'uyirwaye byinjiye mu mubiri wawe, harimo nk'igihe binyuze mu mibonano mpuzabitsina idakingiye no gutizanya inshinge/inzembe.

   Impinja zishobora kuyandura igihe zivutse ku mubyeyi uvite aka gakoko.

3. **Ibimenyetso bya epatite B ni ibihe?**

   Abantu barwaye epatite B, benshi muri bo ntibumva barwaye cyangwa ngo bagaragaze ibimenyetso mu myaka myinshi. Ariko ibimenyetso BISHOBORA kubamo

   - Umunaniro
   - Impiswi
   - Kuruka, guhinduka umuhondo(uruhu cyangwa amaso afite bikagira ibara ry'umuhondo)
   - Ububabare mu mikaya, ingingo no mu gifu.

   Nubwo waba udafite ibimenyetso, ubwandu bwa epatite B ntibibubuza gutera ibibazo mu buzima. Birakenewe gukoresha isuzuma ry'amaraso kugirango umuntu amenye ko afite iyi ndwara.

## Gusuzuma Epatite B no kuyikingira impunzi zijya muri Leta Zunze Ubumwe z' Amerika, ku cyicaro cya IOM

- IOM ishobora kuba yarigize gusuzuma amaraso yawe mbere yo kuza muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika nk'impunzi.
- Muganga wawe muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika akoresha ayo makuru y'ingenzi ku buzima bwawe kugira ngo akwiteho.
- Niba Bataragusanzemo epatite B, IOM igomba kuba yaraguhaye inkingo zigera kuri 3/inkingo zikurinda kuzayandura.
- Muganga wawe muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika azakora kuburyo uhabwa inkingo zose ukeneye mu rwego rwo kukurinda kwandura iyi ndwara.

## Niba Urwaye Epatite B, umuganga wawe aza:

- Azakwigisha ibyerekeye hepatite B, kandi akugire inama z'uko wakomeza kwisuzumisha, gusigasira ubuzima bwawe.
- Azakugira inama ko abanyamuryango bawe bose mubana na/cyangwa abo mukora imibinano mpuza bitsinda

nabo basuzumwa hepatite B, byagaragara ko ari bazima, bagakingirwa Epatite B.

- Azakugira inama ko abana b'abagore batwite barwaye hepatite B bakingirwa hepatite B umunsi bavutse.
- Azagusaba gupanga uko uzabonana na muganga buri mezi 6 mu gihe cyose cy'ubuzima bwawe kubera uburwayi bwawe bwa eepatite B ndetse 'igihe waba wumva umeze neza.

## Ni iki kindi nakora igihe naba ndwaye epatite B?

**Hura na Muganga wawe buri mezi 6-12 kugira ngo yite ku buvuzi bwa virusi ya hepatite B.**

- Ntugatizanye uburoso bw'amenyo, inzembe, utwuma duca inzara, utwuma dupfura ubwoya cyangwa inshinge zidoda/zo kwa muganga..
- Koresha buri gihe agakingirizo.
- Ntukanywe inzoga.
- Uramtse ufite igisebe, buri wese ugukozeho agomba kuba yambaye uturindantoki.

**Gusuzumwa no gukingirwa epatite B ni ingenzi kuri wowe n'abo ukunda.**

**Ni byiza cyane uko urushaho kumenya ibyerekeye epatite B.**

CENTER OF EXCELLENCE
IN NEWCOMER HEALTH
MINNESOTA

This material has been approved by the Minnesota Center of Excellence in Newcomer Health. Thank you to the International Organization for Migration for donating this material for adaptation and translation.